REPUBULIKA Y'U RWANDA

INTARA Y'IBURENGERAZUBA

AKARERE KA NGORORERO

E-mail: ngororerodistrict@ngororero.gov.rw

PO.BOX 103 GITARAMA

ITANGAZO RIGENEWE ABIFUZA GUSABA URUHUSHYA RWO GUCUKURA KARIYERI ZO MU MIRENGE IGIZE AKARERE KA NGORORERO.

Ubuyobozi bw'Akarere ka Ngororero buramenyesha abantu bose babyifuza ko bandika basaba uburenganzira bwo gucukura kariyeri zihereye mu Karere ka Ngororero bamaze kuzuza ibyangombwa bisabwa bikubiye ku ifishi iri ku mugereka w' iri tangazo.

Iri tangazo rirakuraho ubusabe bwari bwagejejwe ku Karere mbere yaryo.

Ibaruwa isaba iherekejwe n'ibyangombwa usaba agomba kuba yujuje, bizakirwa mu bunyamabanga bw'Akarere ka Ngororero guhera kuwa 12/04/2021 kugeza kuwa 16 /04/2021.

Bikorewe Ngororero, kuwa 17 Werurwe 2021.

NDAYAMBAJE Godefroid
Umuyobozi w'Akarere ka Ngororero

Bimenyeshejwe:

- Bwana Umuyobozi Mukuru wa RMB/**Kigali**
- Bwana Perezida w'inama Njyanama Njyanama y'Akarere ka **Ngororero.**
- Madamu/Bwana Umuyobozi Umuyobozi w'Akarere wungirije..... (Bose)
- Bwana Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Akarere ka **Ngororero**

IFISHI YO GUSABA URUHUSHYA RWO GUCUKURA KARIYERI YO MU RWEGO RW'INGANDA, KARIYERI NTO HACURUZWA IBIYIVUYEMO NA KARIYERI HADACURUZWA IBIVUYEMO

NIMERO YA DOSIYE

URUHUSHYA RWA KARIYERI RUSABWA: .....

1	**Izina ry'usaba urushya**				
2	**Icyiciro usaba uruhushya abarizwamo**	**Isosiyeti**		**Koperative**	
3	**Nomero iranga umusoreshwa**				
4	**Abanyamigabane**	Abenegihugu:	%	Abanyamahanga:	%
5	**Ubwoko bwa kariyeri izacukurwa**	1.		4.	
		2.		5.	
		3.		6.	
6	**Ubuso kariyeri ihererereye**	Ubuso (ha)	Intara	Akarere	
		Umurenge	Umudugudu	Nomero y'ikibanza	
7	**Aho babarizwa:**				
	Numero ya Telefoni:				
	E-mail:				
	Fagisi:				
	Urubuga rwa interineti:				

Imigereka **Yashyizweho**

No	Ibisabwa	Yego	Oya
1	Icyemezo cyo gukora ubucuruzi		
2	Inyigo igaraza ko umushinga ushoboka		
3	Gahunda y'iteganyabikorwa		
4	Icyemezo cyo kutabamo umwenda gitangwa n'Ikigo cy'Imisoro n'Amahoro		
5	Icyemezo kigaragaza ubushobozi mu by'imari gitangwa n'ikigo cy'imari cyangwa raporo z'imari z'imyaka nibura ibiri (2) iheruka yikurikiranya zagenzuwe		
6	Impamyabushobozi mu bya tekiniki n'imyirondoro by'usaba n'abakozi b'ingenzi		

7	Inyigo igaragaza ahazava ibikoresho n'ikoranabuhanga bizifashishwa		
8	Inyigo igaragaza uko ibikomoka kuri kariyeri bizatunganywa n'uburyo bwo kubyongerera agaciro		
9	Gahunda yo guhugura abakozi mu kazi		
10	Inyigo yerekana uko ibikorwa by'Isosiyete bizateza imbere abaturage b'aho ikorera		

INDAHIRO

Ndahiye ko amakuru yatanzwe haruguru ari ukuri. Nzi neza ko Ingingo ya 59 y'Itegeko no 58/2018 ryo ku wa 13/08/2018 rigenga ubucukuzi bw'amabuye y'agaciro na kariyeri, iteganya ko umuntu wese utanga amakuru atari ukuri agamije kwihesha uruhushya rutangwa kuri iri tegeko aba akoze icyaha kandi ko iyo abihamijwe n'urukiko, ahanishwa igifungo kitari munsi y'amezi atandatu (6) ariko kitarenze umwaka umwe (1) n'ihazabu y'amafaranga y'u Rwanda atari munsi ya miliyoni eshatu (3.000.000 FRW) ariko atarenze miliyoni eshanu (5.000.000 FRW)

Izina n'icyo ashinzwe	**Umukono**	**Kashi/Ikirango by'Isosiyete**	**Itariki**

AKARERE KA NGORORERO